UBUTWARE

Abakire bayobora abakene kandi uwatijwe aba umugaragu w' uwo yatiye.

IHAME RY' ICYUMWERU

Ese nikangahe twumvishe interuro igira iti, " ndashaka kwikorera maze nkigenga ." ? n' igitekerezo cyiza, ariko nyamara iyo abantu batangiye kwikorera bageraho bakabona ko batigenga nkuko bibwiraga. Ahubwo basanga umukoresha wabo ubari hejuru ari leta, ubaguriza, abakozi babo hamwe n' abakiriya/ abaguzi.

Leta iza gorora ubucuruzi bwawe kugeza ubwo umenye umukoresha wawe nyawe. Ni ukorana umurava maze bikaguhira, izakomeza kukwigaho yitonze, maze yongereho amategeko. Bishobora guhora atari ukuri, ariko bizahoraho.

Bityo rero ugomba kubahiriza umurongo w' amabwiriza ya banki cyangwa se uri bukugurize aba yaguhaye.Ugomba kuyemera kandi ugacisha mu kuri naho ubundi ntabwo bazakuguriza ya mafaranga. Kandi ikindi mu gihe utishyuye ibikugombwa icyo gihe impuhwe zirashira maze bakakwibasira. Uwatije aba yigomwe umudendezo we ndetse n' ubutware; naho uwatijwe afatwa nk' umugaragu kuwa mugurije.

Abakozi bawe bagira uruhare rufatika ku ntambwe watera ujya imbere cyangwa se usubira inyuma. Bahagarariye ikigo cyawe bityo rero bagomba gutozwa kandi bakitabwaho bihagije; ariko mu gihe batitaweho bazigendera.

Birazwi kandi ko umukiriya ari umwami bityo uzajya ukora kandi wubahe icyo bashaka. Mu gihe ushaka gutera imbere ugomba korohera abaguzi bawe, kunoza ibicuruzwa byawe hamwe no kunezeza abaguzi bawe.

Kugira ubucuruzi bwawe ntibivuze ko wikoresha ndetse ukigenga kuri byose, kuko ubucuruzi ni ugukorera abantu hamwe n' ibyo bakeneye.

Kugira ubutware, nyamara bufite byinshi dusangamo byiza ariko iyo twiyemeje gutuza. Hari impamvu nyinshi twifuza kwitwa abutunzi. Icya mbere twaremanywe ishakwe ryo kuyobora no gutwara. Umuntu yaremewe isi. Rero kuva umuntu yahabwa ubutware bw' ibintu, maze ateza imbere kandi yunguka umwete wo kubikora neza. Ubucuruzi ntabwo bukunze koroha; kuko iyo dutanga imirimo ndetse tukanahiganwa n' abandi bishobora kubyara amakimbirane hamwe n' amananiza. Bityo rero ni ingezi yuko tworoherana kandi tukarema urubuga hamwe n'urugero ubutware bwacu ndetse n' imirimo dukora. Ikindi tugomba kwibuka abodukorana kuko nabo bifuza kugera aho tugeze.

INYUNGU

1. Ubutware ni uguhaza abandi. Iyo utunze ikintu bitanga imbaraga zo kugifata neza.
2. Ba rwiyemezamirimo burya bakunda inshingano zibazanira ubutware. Ibi kandi bibaha kunyurwa maze bagakunda umurimo wabo.
3. Kugira ubucuruzi uyobora bisaba gutera imbere nk' umuntu ku giti cye. Ntabwo byoroshye rero kuko ugomba kwitegura guhangana n' abakozi hamwe n' abakeba bawe ku murimo.
4. Bizagusaba gukorana umurava, uhangare ibibazo byawe ariko ushikame, kuko muri ubu buryo bizanoza kamere yawe ndetse n' imbaraga zawe.
5. Kugira ngo uhore kw' isonga mw' isoko ni uko ugomba guhora wiyungura uburyo bushya ku mikorere yawe ni uko amaherezo uhindure umuco hamwe naho ubarizwa.
6. Uko urushaho gutera imbere niko ugenda wigwizaho ubutunzi burenze ubwo waba ukeneye. Bityo abakozi bawe bakahungukira kimwe n' umuryango mugari w' abaturarwanda. Mu by' ukuri bitanga imbuto zishimishije.

Inzira ni mikorere y' UBUTWARE

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Hanga udushya kandi urangwe imbaraga/ umurava; gira imyumvire myiza maze bizaguhira
2. Ujye uterwa umwete n' indangagaciro ndetse n' amahame maze wiyame ibigeragezo byagutera inda nini ndetse no kwikubira.
3. Uzitwararike cyane kutavuga ibinyoma cg kwiba ugamije gusa kubona icyo wifuza. Ujye ukora ibintu mu nzira ikwiye maze mu nyuma uzasarura ishimwe kw' izina ryawe dore ko rirenze naya mafaranga.
4. Ujye witwararika buri kimwe mu butunzi ufite maze uzagira ihirwe bityo ufashe imbaga yaho ubarizwa.
5. Ujye uzirikana kandi ko abandi bacuruzi/ bakozi bifuza kuzamuka dore ko nabo batazira gutunganirwa no kugira iryo shema.

Kwambikwa ubutware rero bisaba inshingano, nyamara hakaba benshi batemera iri hame ry' ubutware mu bucuruzi. Kuko bafite inda nini kandi barangajwe imbere n' amafaranga gusa bityo bagakora icyo byabasaba cyose kugira ngo bagere ku ntego yabo, yo kutagira imbabazi ku bandi. Nka batware bafite inshingano tugomba kureba kure maze uyu mutego wo gukira vuba tukawirinda. Ubusanzwe ihirwe nyakuri riba ryubakiye ku mategeko y' isi yose hamwe n' amahame. Ishobora kuba yatinda kugera ku butunzi ariko niyo nzira yizewe kandi irambye.

Abacuruzi beza bishimira inshingano zizanwa n' ubutware. Bumva banyuzwe kandi buzuye imbaraga, bityo bakagira imyumvire myiza maze bakabyara umusaruro.

Ntabwo batinya ibibazo cyangwa se gufata ibyemezo biteye inkeke ndetse bagatanga imirimo.Ibi rero biha ubutware kumva bunyuzwe cyane. Bityo umusaruro w' umurimo ukaba ubutunzi. Ni turamuka dukora ubucuruzi bwacu ku mpamvu zumvikana, buzaduha ibihembo nyabyo.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ubuzima buba butuzuye iyo bukibura ubutware. Ese ni kuki?
2. Buri wese agira umutungo umwitirirwa. Ese ni kuki uha agaciro ibyawe?
3. Ese zaba ari izihe nyungu ubutware buguha?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			